Ihame ryo kwiyobora ku Ikinyabupfura

"umugisha wabakiranutsi ushyira umudugudu hejuru, ariko usenywa na kanwa k'umunyabyaha." imigani 11:11

Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku ijambo rikuru wabonye muri iri hame.

Ikinyabupfura: Ese ni iki? Webster yabisobanuye ko ari amahame, ibipimo cyangwa ingeso zafatwa nk'inziza cyangwa imbi. Igitabo cy' imigani kivuga ko aya mahame afitanye isano n'Imana, bivuze ko ari ibipimo imana yashyizeho. Byumvikane kandi ko Imana yaremye umuntu n'inyamaswa ibigendereye. Buri kiremwa gifite aho cyagenewe, bivuze ko buri umwe yaremanywe ubwiza bwihariye. Ariko umuntu we, yahawe impano idasanzwe—impano yo gushishoza icyo yaremewe. Ariko inyoni yo ntishobora kumenya indangaciro kayo cyangwa ngo ihindure ubuzima bwayo. Yo yiberaho uburyo yaremwe ntacyo ihinduyeho. Bityo rero n'umuntu nawe yaremewe kubaho ukwe. Nyamara kandi , afite ingingo ebyiri agenderaho—umutimanama (kumenya ikibi ni cyiza kuri we) hamwe naya mategeko.

Twese tuzi neza ntawatweretse ko kwica ari bibi, kwiba cyangwa kwangiza ibyabandi—uwo rero ni umutimanama. Niyo mpamvu abantu bakora ikibi bihishe cyangwa ntawe ubareba.

Kuva umuntu yahabwa impano yo kwibaza, ninako akeneye ya mategeko. Aya mategeko adufasha kubaho neza (ingingo z'ikinyabupfura). Turayakeneye rero kubera ya mpano yo kwibaza bidushoboza kwivana kuri wa murongo w'umutimanama. Hari byinshi byiza ni bibi bigomba kwigishwa—aya ni amategeko rero. Ariko bimwe mu byiza ni bibi bihora muri kamere yacu—ibi rero ni umutimanama wacu. Iyo dukomeje umutima wacu maze tukica amatwi icyo umutimanama wacu utubwira, aho tuba twikunze, tuba twihugiyeho. Ibi rero bidutera kwirengagiza kubyo umutimanama udusaba. Umutimanama wacu ntabwo wakwiyobora ubwawo, kereka uyobowe na mategeko.

Imana yaremye umuntu hamwe n'inyamaswa nk' ikigabo n'ikigore ku mpamvu zo kororoka. Abantu bonyine nibo bahisemo kubana mu gihe bahuje ibitsina. Abantu bonyine nibo bibasiwe no gukoresha ibiyobyabwenge ndetse no gukuramo inda. Bishobora kuba byemewe na mategeko ya hamwe, ariko ibi bintu mu maso y'imana ni ikizira. Umurimo ushobora kuba wemewe na mategeko ariko nyamara utubahirije amahame akwiye. Ikinyabupfura gitanga ubutabera ku mpande zombi, kandi kigakorana naya ngingo ivuga ku kibi ni cyiza. "Korera abandi ibyo wifuza ko bagukorera" ntabwo bisabwa gusa ahubwo n' ihame rikoreshwa.

Hari uburyo butatu bwo gukosora umutimanama wawe:

1. Ese waba ufite ikibazo cyo kureba abantu bamwe mu maso cyangwa kubabwiza ukuri?

2. Ese waba ufite ikibazo cyo kuganira bimwe mu bikurimo?

3. Ese waba ufite ikibazo cyo kuganira ku mana cyangwa igikwiriye?

Dufite inshingano imbere y'imana na bantu yo gukurikira umurongo mwiza ucisha mu kuri kw' Imana. Amategeko yashyiriweho kuyobora imyifatire yacu. Adutoza kubaha imana ndetse na bantu bagenzi bacu. Niba dukunda imana nabaturanyi bacu nkuko twikunda, aho tuzitwara bikwiye. Aya mategeko na mahame ntabwo yaduhawe ngo dushimishe imana gusa, ahubwo yaraduhawe ngo abane natwe. Bityo tukajya tubana nayo akadufasha kubaka imibereho yaho dutuye. Abatubanjirije bari bayazi neza. Niyo mpamvu itegeko nshinga ryacu yubakiye ku mategeko y'imana. Byari ukubaka igihugu gifite umurongo muzima.

Zimwe mu ndangagaciro usanga ari ibyiyumviro duhorana. Kuba rero twarahawe ububasha bwo kwibaza no guhitamo ntabwo bivuze ko tugomba kwica andi mategeko yandi ajyanye imyifatire ikwiye yo twaremewe. Ikinyabupfura / imyitwarire myiza rero bivuga kwitara neza—icyiza kuri njye ni cyiza kuri wowe, nkuko byaremwe na rurema. Ibi nibyo tugomba kwibaza igikwiye ni kihe.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Iyo ubukungu bwashize……..ntakiba cyabuze.
Iyo ubuzima bwabuze……..hari ikintu kibura
Iyo kamere yabuze……byose biba byabuze.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	K	G	K	G	G	C			

Completed ☐ Not completed ☐